viii. ibigenerwa abiteganyiriza biteganyijwe. <u>Ingingo ya 16:</u> Igenagaciro ry'impuguke mu mibare y'ubwishingizi rikorerwa umwishingizi Impuguke mu mibare yashyizweho ikora buri mwaka igenagaciro mu kigo cy'ubwishingizi bushingiye ku mibare y'ubwishingizi mu gihe cy'ibaruramari cy'umwishingizi. Igenagaciro kavugwa mu gika cya mbere cy'iyi ngingo kagizwe n'ibi bikurikira: 1° igenagaciro ry'ibyo umwishingizi agomba abafatabwishingizi hakurikijwe ikiciro cy'umurimo w'ubwishingizi gihuye n'amasezerano y'umwishingizi; 2° amakuru arambuye ku bwoko bw'ubwishingizi amasezerano isosiyete yagiranye n'abafatabwishingizi ashingiyeho kandi agifite agaciro ku itariki igenagaciro rikoreweho agaragaza: i. amakuru arebana n'amafaranga yose agenda	viii. benefits assumptions. <u>Article 16:</u> Actuarial valuation for insurers An appointed actuary shall carry out on annual basis an actuarial valuation for each accounting period of the insurer. The valuation stated on Paragraph One of this article shall consist of the following: 1° valuing the liabilities of the insurer with respect to the categories of insurance business and its related insurance policies; 2° details of policies types issued by the company and still in force at the valuation date which indicates: i. details of all explicit policy charges;	viii. hypothèses de prestations. <u>Article 16:</u> Évaluation actuarielle pour l'assureur Un actuaire nommé effectue chaque année une évaluation actuarielle au sein de l'assureur pour un exercice comptable de l'assureur. L'évaluation spécifiée à l'alinéa premier du présent règlement doit comprendre ce qui suit: 1° évaluer le passif de l'assureur relatif à ses polices pour cette catégorie d'activité; 2° les détails des types de polices en vigueur à la date d'évaluation émises par la société qui indique: i. Détails de toutes les charges explicites des polices;
---	---	---

kuri buri masezerano y'ubwishingizi; ii. amafaranga yishyurwa ubwoko bw'ubwishingizi make n'amenshi; iii. inzira zose zishoboka cyangwa ingwate zihari. iv. amakuru ku mitungo agomba kugaragaza imitungo ihura n'inshingano z'uwishingiwe zirebana n'ubucuruzi hamwe n'amafaranga y'uwishingiwe kandi akagaragaza nibura ubwoko bw'imitungo ndetse n'izina ry'urundi ruhande mu gihe iyo mitungo ari impapuro mpeshamwenda cyangwa ubwizigame; 3° incamake y'imitungo; 4° amakuru yerekeye uko ubushobozi bwo kwishyura bugerwaho; 5° amakuru y'uburyo bwo kubara ibirengaho n'isaranganywa ryabo hagati y'abanyamigabane ndetse;	ii. minimum and maximum premium conditions; iii. any options or guarantees available. iv. details of assets which should indicate assets matching both the policyholder liabilities for non-linked business and the shareholder funds which shall at least indicate the types of asset and in the case of bonds or deposits, the name of the counterparty; 3° summary of assets; 4° details of how the solvency margin requirement is met; 5° details of the calculation of surplus and their distribution to shareholders;	ii. les conditions de primes minimales et maximales ; iii. toutes les options ou garanties disponibles. iv. les details des actifs qui doivent indiquer les actifs correspondant à la fois aux engagements des assurés pour les affaires non liées et des fonds des actionnaires qui doivent au moins indiquer les types d'actifs et, dans le cas d'obligations ou de dépôts, le nom de la contrepartie; 3° un résumé des actifs; 4° les détails sur la manière dont l'exigence de marge de solvabilité est satisfaite; 5° les détails sur le calcul de l'excédent et sa distribution aux actionnaires ;
---	---	--

6° igitekerezo cy'impuguke mu mibare y'ubwishingizi ku byerekeye amafaranga y'ingoboka ateganyijwe agereranyijwe n'igihe cyashize; 7° ikivugwa ku ngaruka zaterwa no kuba amafaranga y'ingoboka ahagije cyangwa adahagije; 8° inama zigamije kumenya ikigereranyo cy'amafaranga y'ingoboka akenewe mu mwaka w'imari ukurikira; 9° ikivugwa ku buryo umwishingizi yashyize mu bikorwa inama yagiriwe muri raporo y'impuguke mu mibare y'ubwishingizi iheruka; 10° irindi sesengura ryerekeye imyenda umwishingizi afite nk'uko Urwego rw'Ubugenzuzi rwabitegeka ikigo cy'ubwishingizi. Hashingiwe ku gika cya mbere cy'iyi ngingo, impuguke mu mibare y'ubwishingizi ihinyuza niba amasezerano y'ubwishingizi bw'abishingizi yerekeye ihererekanya ry'ibyateza ingorane bifatika haba ku ruhande rw'umwishingizi w'abishingizi cyangwa rw'umwishingizi.	6° an actuarial opinion on the adequacy of past estimates of insurance technical liabilities; 7° comment on any material implications for the adequacy of technical provisions; 8° recommendations intended to make estimate of technical liabilities for the coming financial year; 9° comment on the extent to which the insurer has addressed recommendations provided in the previous actuarial report; and 10° such other investigation of its liabilities as the Supervisory Authority may specify in a direction to the insurer. For the purposes of Paragraph one of this article, the appointed actuary shall verify, for each inward and outward reinsurance arrangement that the insurer has entered into, whether the arrangement involves significant insurance risk transfer.	6° un avis actuariel sur l'adéquation des estimations passées des provisions techniques d'assurance; 7° commentaires sur toute incidence substantielle sur l'adéquation des provisions techniques; 8° des recommandations visant à faire une estimation des provisions techniques pour l'exercice à venir; 9° un commentaire sur l'étendue à laquelle l'assureur a mis en œuvre des recommandations formulées dans le rapport actuariel précédent; et 10° toute autre enquête sur son passif que l'Autorité de Contrôle peut préciser dans une directive adressée à l'assureur. Aux fins de l'alinéa premier du présent article, l'actuaire vérifie, pour chaque accord de réassurance entrant et sortant que l'assureur a conclu, si l'accord implique un transfert de risque d'assurance important.
--	---	---

Impuguke mu mibare y'ubwishingizi ishyikiriza inama y'ubutegetsi y'ikigo cy'ubwishingizi raporo zose n'inyandiko zose zirebana n'ubusesenguzi bwakozwe kandi, mu gihe inama y'ubutegetsi ibisabye, iyisobanurira iyo raporo yose n'izo nyandiko. Ikigo cy'ubwishingizi kigomba gushyikiriza raporo Urwego rw'Ubugenzuzi mu gihe kitarenze amezi atatu (3) akurikira umwaka we w'ibaruramari. <u>Ingingo ya 17: Igenagaciro ry'impuguke mu bwiteganyirize bwa pansiyu bushingiye ku bigenerwa abitaganyirije bizwi</u> Uburyo bw'ubwiteganyirize bushingiye ku bigenerwa abiteganyirije bizwi bugomba buri gihe kuba bufite impuguke mu mibare y'ubwiteganyirize yashyizweho itegura buri mwaka raporo y'igenagaciro ry'impuguke mu mibare y'ubwiteganyirize ikayishyikiriza Urwego rw'Ubugenzuzi mu gihe kitarenze amezi atatu (3) nyuma y'impera z'umwaka w'ingengo y'imari bireba. Raporo y'impuguke mu mibare y'ubwiteganyirize igomba kuba irimo nibura ibintu bikurikira:	The actuary shall submit to the board of directors of the insurer all reports on and all relevant documents relating to the investigation and shall, when required by the board of directors, explain that report or those documents. An insurer shall submit a report to the Supervisory Authority within three (3) months after the end of its accounting period. <u>Article 17: Actuarial valuations for defined benefit pension schemes</u> A defined benefit pension scheme shall at all times have an appointed actuary who shall prepare on annual basis an actuarial valuation report and shall submit it to the Supervisory Authority within three (3) months after the end of the reference financial year. The actuarial report shall include among other things:	L'actuaire soumet au conseil d'administration de l'assureur tous les rapports et tous les documents relatifs à l'enquête et, lorsque le conseil d'administration l'exige, il lui explique ce rapport ou ces documents. Un assureur doit soumettre le rapport à l'Autorité de Contrôle dans les trois (3) mois suivant la fin de son exercice comptable. <u>Article 17: Évaluations actuarielles pour le régime de pension à prestation définies</u> Un régime de pension à cotisation définies doit à tout moment avoir un actuaire nommé qui prépare chaque année un rapport d'évaluation actuarielle et le soumet à l'Autorité de Contrôle endéans trois (3) mois suivant la fin de l'exercice de référence. Le rapport actuariel comprend notamment les éléments suivants:
--	--	---

1° igenagaciro ry'imyenda n'imitungo by'ubwiteganyirize bwa pansiyi; 2° amakuru ku misanzu yakiriwe ku itariki yo kugena agaciro; 3° amakuru ku gipimo cy'inkunga y'amafaranga; 4° ibishobora kubaho byateganyijwe n'impuguke mu mibare y'ubwiteganyirize; 5° igitekerezo kitabogamye cy'impuguke mu mibare y'ubwiteganyirize ku buryo bwo guhuza umutungo n'imyenda; 6° inama zigamije guteganya imyenda y'ubwiteganyirize bwa pansiyi mu gihe kizaza; 7° igitekerezo ku ngaruka zaba ku buryo bwo guhuza imyenda y'ubwiteganyirize bwa pansiyi. Hatabangamiwe ibivugwa mu gika cya mbere cy'iyi ngingo, impuguke mu mibare y'ubwiteganyirize yashyizweho igira ibyo iteganya birebana nibura n'ibi bikurikira:	1° valuation of pension liabilities and assets; 2° details of the contributions received at the valuation date; 3° details on the funding ratio; 4° actuarial assumptions used; 5° an independent actuarial opinion on the adequacy of assets and liabilities; 6° recommendations intended to make estimate of pension liabilities for the futur period; 7° comment on any other material implications for the adequacy of the pension liabilities. Without prejudice to Paragraph One of this Article, appointed actuary shall make assumptions regarding, but not limited to:	1° l'évaluation des engagements et des actifs de retraite; 2° l'information détaillée sur les cotisations reçues à la date de l'évaluation; 3° les précisions sur le ratio de financement; 4° les hypothèses actuarielles utilisées; 5° un avis actuariel indépendant sur l'adéquation des actifs et des passifs; 6° des recommandations visant à faire une estimation des engagements de pension pour la période à venir; 7° des observations sur toute autre incidence substantielle sur l'adéquation des engagements de pension. Sans préjudice de l'alinéa premier du présent article, l'actuaire nommé doit faire des hypothèses concernant, mais sans s'y limiter:
--	---	--

1° igipimo cy'inyungu y'igishoro; 2° ibipimo by'imisanzu y'abakozi; 3° ibipimo by'izamuka ry'imishahara; 4° ibipimo by'izamuka ry'ibiciro ku masoko; 5° ibipimo by'imfu; 6° imyaka yo kujya mu kiruhuko cy'izabukuru; 7° imyaka yo kujya mu kiruhuko kubera ubumuga; 8° ibipimo by'izamuka ry'igishoro;n' 9° inyungu kuri konti y'umunyamuryango. Ibyemezo bigaragara ku Migereka 2 na 3 bigomba guherekeza raporo y'igenagaciro y'impuguke mu mibare y'ubwiteganyirize.	1° the discount rate; 2° employee contribution rates; 3° wage growth rates; 4° inflation rates; 5° mortality rates; 6° service retirement ages; 7° disabled retirement ages; 8° investment growth rates; and 9° interest on member accounts. The certificates in Appendices 2 and 3 shall accompany the actuarial valuation report.	1° le taux d'actualisation; 2° les taux de cotisation des employés; 3° les taux de croissance des salaires; 4° les taux d'inflation; 5° les taux de mortalité; 6° l'âge de la retraite; 7° l'âge de la retraite pour cause d'invalidité; 8° les taux de croissance des investissements; et 9° les intérêts sur les comptes des membres. Les attestations figurant aux annexes 2 et 3 accompagnent le rapport d'évaluation actuarielle.
--	---	--

<u>Ingingo ya 18:</u> Igenagaciro mu mibare y'ubwishingizi k'uburyo bw'ubwiteganyirize bushingiye ku misanzu yatanzwe no ku kigega cy'ubwishingizi bwo kwivuza Ubwiteganyirize bwa pansiyi bushingiye ku misanzu yatanzwe cyangwa ikigega cy'ubwishingizi bwo kwivuza bishobora gukoresha igenagaciro ry'imibare y'ubwishingizi kugira ngo hagaragazwe neza niba umutungo n'inyenda bihura. Haseguriwe ibivugwa mu gika cya mbere cy'iyi ngingo, Urwego rw'Ubugenzuzi rushobora, iyo ibihe icyo kigega kirimo bigaragaza ko ari ngombwa, gutegeka ikigega cy'ubwiteganyirize bwa pansiyi bw'ubushake cyangwa cy'ubwishingizi bwo kwivuza gukoresha igenagaciro rikozwe n'impuguke mu mibare hanyuma kigashyikiriza raporo Urwego rw'Ubugenzuzi ariko ikiguzi cy'iyi mirimo kikishyurwa n'icyo kigega. <u>Ingingo ya 19:</u> Igitekerezo cy'impuguke mu mibare Igitekerezo cy'impuguke mu mibare kigomba kuba giteye muri bumwe muri ubu buryo bukurikira:	<u>Article 18:</u> Actuarial valuations for defined contribution pension scheme and medical insurance scheme A defined contribution pension scheme or medical insurer may conduct actuarial valuation to ascertain the assets and liabilities matching. Without prejudice to the provisions of Paragraph One of this article, the Supervisory Authority may, when the scheme's conditions so require, instruct a voluntary pension scheme or medical insurer to conduct actuarial valuation and thereafter submit reports to the Supervisory Authority at the expense of that scheme. <u>Article 19:</u> Actuarial opinion An actuarial opinion shall fall in any of the following:	<u>Article 18:</u> Évaluations actuarielles pour régime de pension à cotisations définies et le fond d'assurance médical Un régime de pension à cotisations définies ou un fond d'assurance médical peut procéder à une évaluation actuarielle pour vérifier la concordance entre les actifs et les passifs. Sans préjudice des dispositions de l'alinéa premier du présent article, l'Autorité de Contrôle peut, lorsque les conditions du régime l'exigent, demander à un régime de pension volontaire ou à un fond d'assurance médical de procéder à une évaluation actuarielle et de lui soumettre ensuite des rapports à charge de ce fond. <u>Article 19:</u> Avis de l'actuaire Un avis actuariel relève de l'un des éléments suivants:
--	--	---

1° bishyize mu gaciro: amafaranga y'ingoboka ari mu kigero cy'imibare iteganywa n'impuguke mu mibare yashyizweho; 2° ni bike cyangwa biragayitse: amafaranga y'ingoboka ari muni y'atagibwa muni impuguke mu mibare yemera nk'ari mu gaciro; 3° byisubiramo cyangwa birarenze: amafaranga y'ingoboka aruta ayo impuguke mu mibare yashyizweho ifata nk'ari mu gaciro; 4° birashidikanywa: amafaranga y'ingoboka ku kintu cyangwa ibintu bimwe na bimwe ntashobora kugaragazwa; 5° kwifata: nta mwanzuro wafatwa kubera ibibura cyangwa imbogamizi biri mu makuru, mu isesengura no mu biteganywa cyangwa mu yandi makuru akenewe. <u>Ingingo ya 20:</u> Raporo y'uko imari ihagaze Impuguke mu mibare yashyizweho y'umwishingizi utanga serivisi z'ubwishingizi bw'igihe kirekire itanga	1° reasonable: the technical provisions are within the appointed actuary's range of reasonable reserve estimates; 2° deficient or inadequate: the technical provisions are less than the minimum that the appointed actuary believes is reasonable; 3° redundant or excessive: the technical provisions are greater than the maximum that the appointed actuary believes is reasonable; 4° qualified opinion: the technical provisions for a certain item or items cannot be reasonably estimated; 5° no opinion: cannot reach a conclusion due to deficiencies or limitations in the data, analysis, assumptions, or related information. <u>Article 20:</u> Financial condition report (FCR) The appointed actuary of long term insurance shall produce a Financial Condition Report (FCR) of the insurance company every five	1° raisonnable: les provisions techniques se situent dans la fourchette des estimations de réserve raisonnable de l'actuaire nommé; 2° insuffisant ou inadéquat: les provisions techniques sont inférieures au minimum que l'actuaire nommé juge raisonnable; 3° redondante ou excessive: les provisions techniques sont supérieures au maximum que l'actuaire nommé estime raisonnable; 4° opinion avec réserve: les provisions techniques pour un ou plusieurs éléments ne peuvent être raisonnablement estimées; 5° sans opinion: ne peut parvenir à une conclusion en raison de lacunes ou de limitations dans les données, les analyses, les hypothèses ou les informations connexes. <u>Article 20:</u> Rapport sur la situation financière L'actuaire nommé d'une assureur à long terme doit produire un rapport sur la situation financière de la société d'assurance tous les
---	---	---

raporo igaragaza uko ikigo gihagaze buri myaka itanu keretse iyo itegeko ribivuga ukundi. Raporo igaragaza uko ikigo gihagaze ivuga ku bintu bikurikira: 1° imiterere y'ubucuruzi, uko amafaranga y'ubwishingizi atandukanyijwe, ibyiciro n'ubwoko by'umurimo w'ubwishingizi na serivisi zawo ndetse n'imyungukire cyangwa imihombere y'izo serivisi n'uko ikigo gihagaze ku isoko ugereranyije n'ibindi bikora umurimo umwe; 2° gahunda y'ubwishingizi bw'abishingizi irimo n'amakuru arambuye n'uburyo ikwiye; 3° ireme ry'amakuru na raporo bikenewe, harimo intambwe zo kugenzura ko bihura, byuzuye kandi bikwiye; 4° amakuru rusange yerekeye imiterere, uburyo bw'imiyoborere, n'imikorere by'ikigo cy'ubwishingizi; 5° impamvu yishingiye;	years unless provided otherwise by the Law. The financial condition report shall discuss and comment on the following: 1° the nature of the business, separation of insurance funds, categories and classes of business and products and performance by growth and market share; 2° the reinsurance program including details and suitability; 3° data quality and reports needed, including steps to verify their consistency, completeness and accuracy; 4° general background information about the corporate structure, system of governance and operations of the insurance company; 5° insured event;	cinq ans, sauf disposition contraire à la loi. Le rapport sur la situation financière doit discuter et commenter les points suiv: 1° la nature de l'activité, la séparation des fonds d'assurance, les catégories et classes d'activités et de produits et la performance relative à la croissance et à la part de marché; 2° le programme de réassurance, y compris les détails et l'adéquation; 3° la qualité des données et les rapports nécessaires, y compris les étapes pour vérifier leur cohérence, leur exhaustivité et leur exactitude; 4° les informations générales sur la structure de l'entreprise, le système de gouvernance et les opérations de la société d'assurance; 5° l'événement assuré;
---	--	--

6° kuba igipimo cy'ikiguzi cy'ubwishingizi gihagije cyangwa kidakwiye;	6° adequacy of premium rates;	6° l'adéquation des taux de primes;
7° imyifatire y'umwishingizi ku byerekeye ibyateza ingorane (harimo kuba ubwishingizi butakirengeye uwabufashe bitewe no kutishyura ikiguzi cyabwo, gusesa amasezerano y'ubwishingizi ku ruhande rw'uwishingiwe), inyungu ikomoka ku ukwiyongera kw'agaciro k'ishoramari ryakozwe, n'ikiguzi kigenda ku kugura igice cy'imigabane cyangwa imigabane yose mu kindi kigo cy'ubucururizi (harimo imifuragiro) n'amafaranga agenda ku mirimo y'ikigo;	7° experience of all insurance risks (including lapses and surrenders), investment earnings and costs, acquisition expenses (including commissions), and administrative expenses;	7° l'expérience de tous les risques d'assurance (y compris les déchéances et les rachats), rendement des placements et les coûts des investissements, les frais d'acquisition (y compris les commissions) et les frais administratifs;
8° politiki igenga ishoramari, n'uko yubahirizwa;	8° investment policy and its implementation;	8° la politique de placement et sa mise en œuvre;
9° amakuru ku guhuza umutungo n'imyenda by'ikigo;	9° details on assets and liability matching;	9° les précisions à propos de l'appariement de l'actif et du passif;
10° igenagaciro ry'imyenda, harimo uburyo bwakoreshejwe, ibyibazwa, n'impinduka zabaye kuva mu mwaka ushize;	10° valuation of liabilities, including methods, assumptions, and changes from the previous year;	10° l'évaluation des passifs, y compris les méthodes, les hypothèses et les changements dès l'année précédente;
11° politiki zo gucunga ibyateza ingorane, uburyo n'inzira z'igenzura;	11° risk management policies and control procedures and processes;	11° les politiques de gestion des risques et procédures et processus de contrôles;

12°inyungu cyangwa ibisaguka, harimo n'isesengura rishingiye ku nkomoko, ibyinjira n'ibisohoka, aho ibintu bigana, inyungu ku migabane n'agaciro kiyongereye ku mari shingiro; 13°ibibazo bikomeye umwishingizi adashobora kwikemurira ubwe; 14°amakuru ku kuzuza ibisabwa birebana n'ubushobozi bwo kwishyura n'imari shingiro; na 15°imyanzuro n'inama bigomba: i. kugaragaza ingaruka z'ibyteza ingorane bikomeye n'ibibazo byagaragaye mu isuzuma rya raporo igaragaza uko ikigo gihagaze; ii. ibyteza ingorane bifite ingaruka ku mari y'ikigo cy'ubwishingizi yose uko yakabaye;	12°profit or surplus, including analysis by source, movements and observed trends, dividends and capital gains retained; 13°material discrepancies that cannot be resolved with an insurer itself; 14°details on how solvency and capital adequacy requirements are met; and 15°conclusions and recommendations that shall: i. demonstrate implications of material risks and issues identified during the assessment of the financial condition of the insurance company; ii. material risks with adverse implications for the insurance company overall financial condition;	12°le bénéfice ou l'excédent, y compris l'analyse par source, les mouvements et les tendances observées, les dividendes et le gain en capital retenu; 13°les disparités importantes qui ne peuvent être redressés par la l'assureur lui-même; 14°les détails sur la manière dont les exigences en matière de solvabilité et d'adéquation du capital sont respectées; et 15°les conclusions et recommandations qui doivent: i. démontrer les implications des risques et problèmes importants identifiés lors de l'évaluation de la situation financière de l'assureur; ii. les risques matériels ayant des conséquences négatives sur la situation financière globale de la société d'assurance;
--	--	--

iii. gukemura ikibazo byaterwa n'ibyeza ingorane byagaragajwe; iv. uburyo umwishingizi yitaye ku nama zatanze muri raporo y'imari iheruka. Urwego rw'Ubugenzuzi rushobora igihe icyo ari cyo cyose, hifashishijwe inyandiko kandi byishyuwe n'ikigo cy'ubwishingizi, gutegeka ikigo cy'ubwishingizi gusaba impuguke mu mibare gusesengura kurushaho ingingo zerekeye uko ikigo gihagaze hakurikijwe uko Urwego rw'Ubugenzuzi rwabigaragaza mu nyandiko. Raporo y'icukumbura ihabwa Urwego rw'Ubugenzuzi n'ikigo cy'ubwishingizi bireba. Impuguke mu mibare ishyikiriza Urwego rw'Ubugenzuzi raporo yerekeye imiterere y'imari mu gihe kitarenze amezi ane (4) abarwa uhereye igihe umwaka bireba warangiriye. <u>Ingingo ya 21:</u> Inyandiko y'impuguke mu mibare yashyizweho Impuguke mu mibare yashyizweho igomba	iii. address identified risks; iv. extent to which the insurer has addressed recommendations provided in the previous financial condition report. The Supervisory Authority may, at any time, by notice in writing and at the cost of the insurer, direct an insurer to bring an actuary to investigate further such aspects of its financial condition as the Supervisory Authority may specify in the notice. The investigation report shall be submitted to the Supervisory Authority and the concerned insurer. The appointed actuary shall submit the report to the Supervisory Authority within (4) four months from the end of the reference year. <u>Article 21:</u> Statement by the appointed actuary The appointed actuary must sign financial	iii. traiter les risques identifiés; iv. la mesure dans laquelle l'assureur a donné suite aux recommandations formulées dans le précédent rapport sur la situation financière. L'Autorité de Contrôle peut à tout moment, par un avis écrit et à charge de l'assureur, ordonner à un assureur de faire en sorte qu'un actuaire examine mieux les aspects de sa situation financière que l'Autorité de Contrôle peut préciser dans l'avis. Le rapport d'enquête est soumis à l'Autorité de Contrôle et à l'assureur concerné. L'actuaire nommé doit transmettre le rapport sur la situation financière à l'Autorité de Contrôle dans un délai de quatre (4) mois à compter de la fin de l'année de référence. <u>Article 21:</u> Déclaration de l'actuaire nommé L'actuaire nommé doit signer le rapport sur la
---	--	---

gushyira umukono kuri raporo y'imiterere na raporo y'igenagaciro mu mibare. Impuguke mu mibare yashyizweho igomba kandi gukora imvugo igaragaza ko yubahirije amabwiriza mpuzamahanga arebana n'imibare y'ubwishingizi n'ubwiteganyirize bwa pansiyi, amatageko agenga umwuga n'andi mabwiriza abigenga mu gihe yakoraga umurimo wayo ushingiyeye ku mibare y'ubwishingizi n'iy'ubwiteganyirize bwa pansiyi. <u>Ingingo ya 22: Guhindura impuguke mu mibare yashyizweho</u> Iyo impuguke mu mibare yashyizweho yeguye cyangwa yasimbujwe, ikigo cy'ubwishingizi cyangwa uburyo bw'ubwiteganyirize bigomba kubimenyesha Urwego rw'Ubugenzuzi kandi kikerekana impamvu zatumye yegura cyangwa isimbuzwa mu gihe kitarenze iminsi irindwi (7) uhareye igihe iryo yegura cyangwa isimbuzwa ryabereye. <u>Ingingo ya 23: Inshingano z'impuguke mu mibare y'ubwishingizi n'ubwiteganyirize yashyizweho</u> Kugira ngo igere ku ntego zayo kandi ikore imirimo iteganyijwe muri aya mabwiriza,	condition report (FCR) and actuarial valuation report. An appointed actuary shall also make an actuarial statement indicating that he/she has complied with the international actuarial standards, professional ethics and other applicable regulations while conducting their actuarial engagement. <u>Article 22: Change of an appointed actuary</u> If an appointed actuary resigns or is replaced, the insurer or the pension scheme must inform the Supervisory Authority and indicate the reasons for the resignation or replacement within 7 days from the date of that resignation or replacement. <u>Article 23: Obligations and duties of an appointed actuary</u> To achieve the duties and meet responsibilities provided for herein, an	situation financière et le rapport d'évaluation actuarielle. L'actuaire nommé doit également faire une déclaration actuarielle indiquant qu'il/elle s'est conformé (e) aux normes actuarielles internationales, à l'éthique professionnelle et aux autres règlements applicables dans le cadre de sa mission actuarielle. <u>Article 22: Changement d'actuaire nommé</u> Si un actuaire nommé démissionne ou est remplacé, l'assureur ou le régime de pension doit en informer l'Autorité de Contrôle et indiquer les raisons de la démission ou du remplacement dans un délai de sept (7) jours à compter de la date de cette démission ou remplacement. <u>Article 23: Obligations et devoirs d'un actuaire nommé</u> Pour s'acquitter des devoirs et des responsabilités prévues par le présent
---	--	--

impuguke mu mibare yashyizweho igomba kubahiriza inshingano zikurikira:	appointed actuary shall ensure full compliance with the following obligations and duties:	règlement, un actuaire nommé doit se conformer pleinement aux obligations et devoirs suivants:
1° kubahiriza amabwiriza arebana n'imitwarire agenga umwuga;	1° strictly abide with the ethical rules governing profession;	1° se conformer strictement aux règles d'éthique professionnelles;
2° gutanga inama mu bwigenge kandi itabogamye ku bibazo bikomeye mu rwego rw'ibikorwa, imiterere y'imari, imari shingiro, amafaranga asabwa n'inshingano z'ubwishingizi n'ubwiteganyirize;	2° providing independent and unbiased advice on issues that are material to operations, financial condition, capital base, prescribed capital amount and policy liabilities;	2° fournir des conseils indépendants et impartiaux sur les questions qui sont importantes pour les opérations, l'état financier, la base de capital, le montant du capital prescrit et les passifs des polices;
3° gutegura raporo zisabwa muri aya mabwiriza rusange hakurikijwe amahame yemewe ajyanye n'imibare mu bwishingizi na pansiyu;	3° prepare the reports required under this Regulation in accordance with accepted actuarial practices;	3° préparer les rapports requis en vertu du présent Règlement conformément aux pratiques actuarielles reconnues;
4° kumenyesha Urwego rw'Ubugenzuzi amakosa yo kurenga ku mategeko n'amabwiriza akorerwa mu kigo cy'ubwishingizi cyangwa ubwiteganyirize bwa pansiyu;	4° disclose violations of laws and regulations to the Supervisory Authority as committed within the insurance company or pension scheme;	4° dénoncer auprès de l'Autorité de Contrôle les violations de lois et règlements commises au sein de la société d'assurance ou fond de pensions;
5° kumenyesha Urwego rw'Ubugenzuzi amakuru yose cyangwa igikorwa cyose kirebana n'ubucuruzi bw'ikigo impuguke mu mibare itekereza ko gishobora kubangamira inyungu z'abafatabwishingizi cyangwa umwishingizi, ubwiteganyirize bwa	5° disclose to the Supervisory Authority any information or occurrence relating to the affairs of the institution that, in actuary's opinion, may jeopardize the interest of policyholders or insurer and pension scheme or its members;	5° communiquer à l'Autorité de Contrôle toute information ou tout fait concernant les affaires de l'institution qui, à l'avis de l'actuaire, pourrait compromettre les intérêts des assurés ou de l'assureur et fonds de pension ou ses membres;

pensiyo cyangwa abanyamuryango; 6° kumenyesha Urwego rw'Ubugenzuzi icyaha cyose cyakozwe cyangwa kirimo gukorwa n'ikigo cyangwa gifitanye isano n'ubucuruzi bw'ikigo; 7° kugira uruhare mu iterambere ry'impuguke mu mibare b'imbere mu gihugu ikorana n'urwego rw'umurimo rushinzwe imibare y'ubwishingizi n'iy'ubwiteganyirize bwa pansiyi rw'ikigo cy'ubwishingizi cyangwa cy'ubwiteganyirize bwa pansiyi; 8° kumenyesha Urwego rw'Ubugenzuzi ibikorwa biganisha ku iyezandonke no gutera inkunga iterabwoba; 9° guha ubuyobozi bw'ikigo cy'ubwishingizi cyangwa ubwiteganyirize bwa pansiyi inama zirebana n'mibare y'ubwishingizi n'ubwiteganyirize, by'umwihariko mu birebana no guhanga serivisi n'ibiciro byazo, imyandikire y'amasezerano, ishoramari n'ubwishingizi bw'abishingizi.	6° disclose to the Supervisory Authority any crime that has been or is being committed by the institution or in connection with the institution's business; 7° participation to the growth of local actuaries by closely working with actuarial functions of local insurer or pension schemes; 8° reporting to the Supervisory Authority transactions leading to suspicion of money laundering and financing terrorism; 9° rendering actuarial advice to the management of the insurer, in particular in the areas of product design and pricing, insurance contract wording, investments and reinsurance.	6° communiquer à l'Autorité de Contrôle tout délit qui a été ou est en train d'être commis par l'institution ou en relation avec les affaires de l'institution; 7° participer à la croissance des actuaires locaux à travers collaboration étroite avec les fonctions actuarielles des assureurs ou des régimes de pension locaux; 8° déclarer à l'Autorité de Contrôle les transactions susceptibles d'être liées au blanchiment de capitaux et au financement du terrorisme; 9° donner des conseils actuariels à la direction de l'assureur, notamment dans les domaines de la conception et de la tarification des produits, du libellé des contrats d'assurance, des investissements et de la réassurance.
--	--	--

UMUTWE WA IV: GUHAGARIKWA N'IBIHANO BYEREKEYE IMYITWARIRE <u>Ingingo ya 24:</u> Ibihano byerekeye imyitwarire Haseguriwe ibindi bihano byo mu rwego rw'akazi cyangwa ibindi bihano biteganywa n'amategeko mpanabyaha, Urwego rw'Ubugenzuzi rushobora guha ibihano bikurikira impuguke mu mibare yashyizweho yananiwe kubahiriza Itegeko ryerekeye imitunganyirize y'umurimo w'ubwishingizi, Itegeko rigenga imitunganyirize y'ubwiteganyirize bwa pansiyu cyangwa amabwiriza ayashyira mu bikorwa: 1° kwihanangirizwa; 2° kubuzwa gukora umurimo w'impuguke mu mibare y'ubwishingizi n'ubwiteganyirize bwa pansiyu cyangwa undi murimo mu rwego rw'imari; 3° guhagarikwa by'agateganyo; 4° guhagarikwa burundu.	CHAPTER IV: DISQUALIFICATION AND DISCIPLINARY SANCTIONS <u>Article 24:</u> Disciplinary sanction Without prejudice to any other disciplinary sanctions or criminal penalties, the Supervisory Authority may apply the following sanctions to an appointed actuary who fails to comply with the Law concerning the organization of insurance business, Law governing organization of pension schemes or their implementing Regulations: 1° warning; 2° prohibition from carrying any actuarial or any other activity in financial sector; 3° temporary suspension; 4° revocation;	CHAPITRE IV: DISQUALIFICATION ET SANCTIONS DISCIPLINAIRES <u>Article 24:</u> Sanctions disciplinaires Sans préjudice de toute autre sanction disciplinaire ou une peine pour une condamnation pénale, l'Autorité de Contrôle peut imposer les sanctions suivantes à un actuaire nommé qui ne respecte pas la loi régissant l'organisation de l'activité d'assurance, la loi régissant l'organisation des régimes de pension ou les règlements de leur application: 1° l'avertissement; 2° l'interdiction d'exercer toute activité actuarielle ou toute autre activité dans le secteur financier; 3° la suspension temporaire; 4° la révocation.
--	---	--

Iyo impuguke mu mibare yashyizweho yagize imyitwarire mibi, Urwego rw'Ubugenzuzi rubimenyesha urugaga rw'impuguke mu mibare cyangwa urundi rwego rugenzura impuguke mu mibare. <u>Ingingo ya 25: Kwamburwa iyemererwa ry'impuguke mu mibare yashyizweho</u> Urwego rw'Ubugenzuzi ruhagarika ukwemererwa kw'impuguke mu mibare yashyizweho iyo impuguke mu mibare yashyizweho: 1° inaniwe kubahiriza inshingano ihabwa n'amategeko agenga ubugenzuzi; 2° kubera impamvu iyo ari yo yose, itacyujuje ibisabwa byerekeye ubunyangamugayo n'ubushobozi bimwemerera gukora nk'impuguke mu mibare yashyizweho; 3° ituzuzira inshingano zayo hakurikijwe amategeko n'amabwiriza bireba; 4° yitwaye nabi, yaragiye mu bikorwa byo gutera inkunga inkunga iterabwoba cyangwa yakoze ibikorwa by'iyezandonke ndetse; na	Where an appointed actuary has been involved in any misconduct, the Supervisory Authority shall communicate it to the professional body or any other body that regulate actuaries. <u>Article 25: Revocation of accreditation of an appointed actuary</u> The Supervisory Authority revokes appointed actuary 's accreditation if an appointed actuary: 1° fails to comply with any duty imposed by the Supervisory Authority laws or regulation; 2° is, for any reason, no longer fit and proper to be an appointed actuary; 3° fails to meet his/her obligations in accordance with relevant laws and regulations; 4° has been involved in any misconduct, Money Laundering and financing terrorism and	Lorsqu'un actuaire nommé s'est méconduit, l'Autorité de Contrôle le communique à l'organisme professionnel ou à tout autre organisme de réglementation des actuaires. <u>Article 25: Révocation de l'accréditation d'un actuaire nommé</u> L'Autorité de Contrôle révoque l'accréditation d'un actuaire nommé si celui-ci: 1° ne respecte pas les obligations imposées par les lois ou réglementation; 2° n'est, pour une raison quelconque, plus apte et compétent à être un actuaire nommé; 3° ne remplit pas ses obligations conformément aux lois et règlements en la matière; 4° a été impliqué dans n'importe quelle faute, le financement du terrorisme et le blanchiment de capitaux; et
--	--	---

